# 20: Mbony' Umukiza mwiza

1.

Mbony' Umukiza mwiza,niYesu Krisito,
Ni W' urut' inshuti zose zo mw isi.
Igikundiro cye cyinshi ni cyo cyanyemeje
Kumusanga  ngw anyuh'agir' ankize!
Anyurura mbabaye, ankiz' amakuba; Amaganya yanjy' ajy'ayanyakira, Yaka nk'inyenyer' iteka; n'uw'igikundiro;
Ni W' urut' inshuti zose zo mw isi

Ref:

Anyurura mbabaye, ankiz amakuba, Amaganya yanjy' ajy' ayanyakira; Yaka nk'inyenyer' iteka: n' uw'igikundiro;Ni w' urut' inshuti zose zo mw isi.

2.

Intimba zanjye zose, yarazikoreye;
Uko ngeragejw' andinda wa Mubi.
Ibyantwazag' igitugu, yarabimbatuye :
N'igihome cyanjye, njya mwihishamo
Naterwa na Satani, ngahinwa n'inshuti, Yes' azantabar' angeze mw ijuru ! Yaka nk'inyenyer' iteka; n' uw'igikundiro;
Ni W urut’'inshuti zose zo mw 'isi

3.

Ntazansiga nk'imfubyi, ntazampemukira.
Mpora mbeshwaho no kwizera gusa.
Ubw' angoteshej' ingabo, nta cyo ngitinya pe.
Ajy' antungisha manu yo mw’'juru.Njya nkumbura n'umunsi nzagera Mw’ ijuru.Nzanezerwa ni mureba mu maso : Yaka nk'inyenyer' iteka; n' uw'igikundiro. Ni W’ urut' inshuti zose zo mw isi.

Visit us at indirimbo.com